REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE
ET DU MOUVEMENT COOPERATIF
B.P. 1044 - KIGALI

DGJ

Kigali, le 19/08/1988.

N° 2398 /15.00

Nyakubahwa Bwana Prezida Fondateri wa
Muvoma Revolisiyoneri Iharanira
Amajyambere y'u Rwanda
KIGALI

Nyakubahwa Bwana Prezida,

Nishimiye kubohereza hamwe n'iyi barwa inyandiko-mvugo y'Inama ya Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative nayoboye ku italiki ya 27 Nyakanga 1988.

Mbifulije Amahoro n'Ihirwe.

Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Lt Col BEM.-

REPUBLIQUE RWANDAISE
MINISTERE DE LA JEUNESSE ET DU MOUVEMENT COOPERATIF

Bimenyeshejwe :
- Bwana Umunyamabanga Mukuru
wa Muvoma Revolisiyoneri
Iharanira Amajyambere y'u Rwanda
KIGALI

# INYANDIKO-MVUGO Y'INAMA YA SELIRE "MIJEUCOOP"

Kuwa gatatu taliki ya 27 Nyakanga 1988, umunsi Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative isanzwe ikoraho animasiyo, Umuyobozi w'iyo Selire, Lt Colonel BEM NDINDILIYIMANA Agusitini, yakoresheje inama Abamilitante n'Abamilita bayigize kuva saa munani n'igice kugeza saa kenda n'igice.

Muli iyo nama hali hataganyijwe kwakira Ambasaderi w'Uburusiya mu Rwanda wali uje kumulika imfashanyo y'ibikoresho by'imikino yageneye Selire ya Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative.

Ministri NDINDILIYIMANA, yabanje kwerekana uwo mushyitsi amuha n'ijambo kugirango asobanure ibyerekeye iyo mfashanyo.

Ambasaderi w'Uburusiya mu ijambo yavuze yashimiye Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative washatse kumwakira muli Selire ayobora.

Yasobanuye ko igihugu cye ahagaraliye mu Rwanda, mu rwego rw'ubutwererane n'urwa gicuti, kiyemeje gufasha iyo Ministeri guteza imbere imikino. Ibyo byakunze kugaragalira cyane cyane mu mahugurwa yakorewe impuguke z'abanyarwanda mu byerekeye kuyobora imikino, mu guhuza kenshi amakipe y'uburusiya n'ayo mu Rwanda agakina mu rwego rwa gicuti cyangwa mu gutanga ibikoresho by'imikino amakipe yacu akunze gukenera.

Mu rwego rw'animasiyo n'urwa gicuti, ikipe y'imikino y'intoki y'abakozi b'Ambasade yahuye inshuro ebyiri n'ikipe ya Selire "MIJEUCOOP".

Ambasaderi yahise yerekana ibikoresho yali yazanye alibyo ibi bikulikira :

- 30 imiguru y'inkweto zo gukinisha umupira w'intoki (V.B.)
- 15 imiguru y'inkweto zo gukoresha mu mikino y'ingororamubili.
- 2 inshundura zikoreshwa mu mupira w'intoki (V.B.)
- 50 imipira y'intoki
- 30 imiguru y'inkweto zo gukinisha mu mupira w'amaguru.
- 30 imipira y'amaguru
- 25 amakabutura
- 24 ibitambaro bikweduka
- 5 amafirimbi
- 29 ibitambaro byo gukingira amavi
- 30 ibitambaro byo gukingira imirundi.

Arangiza yizeza Ministri w'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ko azakomeza gushaka izindi mfashanyo zatuma imikino itera imbere mu Rwanda; avuga kandi ko hali n'imfashanyo zili mu nzira zikaba zaragenewe abanyarwanda baherutse gusenyerwa n'imvura yo muli Gicurasi 1988.

Ministri NDINDILIYIMANA nawe yafashe ijambo asaba abali mu nama kumufasha gushimira Ambasaderi w'Uburusiya kubera igikorwa cyiza yali amaze kwerekana. Yavuze ko umubano w'u Rwanda n'Uburusiya wabaye mwiza kuva kera kandi ko wagaragaliye mu bikorwa byinshi, bimwe Ambasaderi akaba yali amaze kubivuga.

.../...

Aliko kubera ko Ministeri y'Urubyiruko no Gutsura za Koperative ishinzwe no kuyobora no guhugura urubyiruko rutageze mu mashuli cyangwa rutayarangije, kandi amikoro yayo akaba ali make cyane, Ministri NDINDILIYIMANA yasabye Ambasaderi kureba ukuntu igihugu cye cyafasha Ministeri kubonera amashyirahamwe n'ibigo by'urubyiruko ibikoresho bikenewe.
Yarangije yifuza ko umubano n'ubutwererane bili hagati y'Urwanda n'Uburusiya bikomeza gutera imbere.
Umuhango wo kwakira imfashanyo urangiye, amaze no gusezera kuli Ambasaderi, Ministri NDINDILIYIMANA yakomeje kuyobora inama asuzumira hamwe n'abakozi imigendekere y'akazi bashinzwe.

<u>Umuganda</u> : Ministri yasobanuye ko mu gihe hategurwaga ibirori by'uwa gatanu Nyakanga 1988 n'igihe cy'ibyumweru byahariwe imishinga abakozi bose batabonekaga mu muganda kubera ko bamwe bali bashinzwe akandi kazi. Ibyo byatumye hafatwa icyemezo cyo kureka gukorera umuganda hamwe n'andi maselire kubera ko abakozi bali bake, abawujemo bakajya kuwukorera mu gishanga cy'i GACULIRO.
Akulikije raporo bamukoreye ivuga ko abamilitante n'abamilita batitabiliye Umuganda nk'uko bisanzwe, Ministri yabajije abali mu nama impamvu ibitera. Umwe mu bamilita bali mu nama yamusobanuliye ko ibyo byatewe n'ukudohoka kw'abakozi bamwe bakagandisha na bagenzi babo bavuga ko icyo gishanga kimeze nabi gishobora gutera abantu indwara. Nyuma y'ibyo bisobanuro abali munama basanze ntashingiro nibwo hemejwe ko Umuganda wo muli iki gihe cy'izuba uzakomeza gukorwa mu gishanga cy'i GACULIRO; abakozi bamwe bazajya batema abandi balime kandi banatabire. Ahantu hateganyijwe niharangira bazasubira gukorera umuganda hamwe n'andi maselire.

Ministri yasabye abafasha be mukuyobora selire kujya kwibutsa abayobozi ba UTEXRWA ko bagomba kubahiliza amasezerano bagiranye bagatunganya igishanga kigomba gusimbura igice cy'isambu y'Ikigo cy'i GACULIRO bafashe.

<u>Animasiyo</u> : Ministri yasanze gahunda yateganyilijwe animasiyo itagikulikizwa neza cyane cyane ibyo bita "animation socio-culturelle". Yasabye ko abagize groupe-choc bajya bategura indilimbo n'imbyino zatozwa Selire yose limwe mu byumweru bibili; ibyo bikubahilizwa kugirango igihe bibaye ngombwa ko Selire ikora animasiyo itazajya ibura ikintu yerekana.

Mu byerekeye amarushanwa y'umupira w'amaguru cyangwa uw'intoki akoreshwa na Prefegitura ya Kigali hagati y'amaselire yihaliye, Ministri yishimiye ko abashinzwe kuyobora amakipe ahagaraliye selire "MIJEUCOOP" bamubwiye ko nta bibazo bihali byerekeranye n'imyambaro cyangwa ibindi bikoresho bya ngombwa, bikaba rero bigenda neza.
Aliko yabihanangilije kimwe n'abakozi bo mu buyobozi bukuru bw'imikino n'imyidagaduro ko bagomba kubera andi maselire urugero; bakilinda ingeso yadutse mu makipe yo gushaka gukinisha abakinnyi batujuje ibyangombwa kugirango babone imyanya ya mbere.

.../...

<u>Akazi gasanzwe :</u> Ministri yasabye cyane cyane abakuru b'imilimo gukaza umurego bagatanga akazi kandi bakagenzura abakozi bashinzwe kuyobora. Byakunze kugaragara ko iyo umukozi adafite akazi alibwo usanga yiyotera izuba imbere ya Ministeri, yiganilira cyangwa ajya gukora ibyo yishakiye hanze.

Ministri yarangije asaba abamufasha kuyobora Selire gukangulira birushijeho abamilitante n'abamilita Umuganda n'animasiyo, asaba kandi buli mukozi kwita ku kazi ashinzwe akagakora neza kandi mu gihe cyateganyijwe. Ibyo bikaba bisaba kwilinda ingeso yo gusiba, gukererwa cyangwa guta akazi nta mpamvu izwi.

<u>Umuyobozi w'inama</u>
Ministri w'Urubyiruko
no Gutsura za Koperative
NDINDILIYIMANA Agusitini
Lt Col BEM.-

<u>Umwanditsi w'inama</u>
MUGEMANGANGO Andreya.-